REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
B.P 2197 KIGALI

**ITANGAZO N° 013/CSM/2014 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA IMYANYA Y'ABANDITSI B'INKIKO MU RUKIKO RUKURU**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha abantu bose ko hari imyanya ine (4) y'abanditsi b'inkiko mu Rukiko Rukuru ipiganirwa.

Abifuza gupiganira iyo myanya, bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite impamyabumenyi ihanitse mu byerekeye amategeko no kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko, uretse abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga mu by'amategeko, basabwa uburambe bw'imyaka ibiri (2) nibura mu by'amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe cyangwa ku mubiri bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubwanditsi bw'inkiko; byemejwe na muganga wemewe na Leta;
6. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
7. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cyabaye ndakuka cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;
8. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarasezerewe by'igihe gito.

Ibindi bisabwa:

1. Kuba azi gukoresha "ordinateur/computer";
2. Kuba afite impamyabumenyi irenze isabwa byaba ari akarusho.

Uwujuje ibisabwa, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ibaruwa isaba akazi agashyiraho umwirondoro we na kopi y'impamyabumenyi, ku ibahasha akandikaho umwanya yifuza gupiganira, akizanira ubwe dosiye ye ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku Kimihurura, mu Bunyamabanga Rusange, bitarenze tariki **28/11/2014.**

Bikorewe i Kigali, kuwa 12 NOV 2014

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**